

## POLISI Y'U RWANDA



IBIRO BY'UMUVUGIZI

B.P. 6304 KIGALI

[www.police.gov.rw](http://www.police.gov.rw)

### **ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

Polisi y'u Rwanda iramenyesha abantu bose ko hari ibinyabiziga byafatiwe mu bikorwa (Operations) bya Polisi binyuranye bikaba byaregeranyirijwe ku cyicaro gikuru ku Kacyiru.

Cyamunara yabyo iteganyijwe kuva tariki ya **04 Gashyantare kugeza 05 Gashyantare 2019** aho biparitse ku cyicaro gikuru cya Polisi ku Kacyiru. Gusura ibyo binyabiziga bizatangira tariki **15 kugeza 30 Mutarama 2019**.

Tuributsa abanyarwanda bose ko itegeko riteganya ko ikinyabiziga cyafatiriwe iyo kirengeje igihe cy'ukwezi muri parikingi ya Polisi gitezwa cyamunara.

Turasaba abantu bose bishyuye amande ku makosa ibinyabiziga byabo byafatiwemo ko bakwihutira kujyana inyemeza bwishyu kuri Polisi bagatwara ibinyabiziga byabo bitaratezwa cyamunara, tuributsa ko kwiyitirira ikinyabiziga kitari icyawe bifatwa nk'icyaha cy'ubujura gihanwa n'amategeko.

Murakoze,

Bikorewe i Kigali kuwa **04/01/2019**

**CP JB KABERA**



Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda